Ikigo cy’igihugu cy’ibarurishamibare mu Rwanda gikora ubushakashatsi ku buhinzi bukubiyemo amakuru y’ ibihembwe bitatu by'ingenzi mu buhinzi mu Rwanda. Ibihembwe by’ihinga by'ingenzi birimo Igihembwe A, gitangira muri Nzeri kikarangira muri Gashyantare y’umwaka ukurikiraho, Igihembwe B gitangira muri Werurwe kikarangira muri Kamena, n'Igihembwe C gitangira muri Nyakanga kikarangira muri Nzeri.

Ikigo cy’igihugu cy’ibarurishamibare mu Rwanda gikora ubushakashatsi ku buhinzi bukubiyemo amakuru y’ ibihembwe bitatu by'ingenzi mu buhinzi mu Rwanda. Ibihembwe by’ihinga by'ingenzi birimo Igihembwe A, gitangira muri Nzeri kikarangira muri Gashyantare y’umwaka ukurikiraho, Igihembwe B gitangira muri Werurwe kikarangira muri Kamena, n'Igihembwe C gitangira muri Nyakanga kikarangira muri Nzeri. Muri ayo makuru harimo agendanye n’ubuso bwahinzweho, umusaruro wabonetse n’ikoreshwa ryawo, ikoreshwa ry’inyongeramusaruro ndetse n’amakuru yerekeranye n’ibindi bikorwa bifasha mukubungabunga ubutaka no kongera umusaruro.

Mu mwaka w’ubuhinzi 2023/2024, ubushakashatsi ku buhinzi bukorwa buri gihembwe cy’ihinga bwakorewe mu dupande tw’ibarura 1.200 no mu bahinzi banini 370 mu gihembwe A na 384 mu gihembwe B. Muri uyu mwaka w’ubuhinzi, ubuso bw’ubutaka bw’igihugu bwari hegitari miliyoni 2,376. Mu gihembwe A, Ubutaka bwakoreshejwe mu buhinzi bwari hegitari miliyoni 1,372 bingana na 57,7% by’ubutaka bwose mu gihe hegitari miliyoni 1,350 bingana na 56,8% aribwo bwakoreshejwe mu gihembwe B. Ibihingwa byerera igihembwe byari ku buso bungana na hegitari miliyoni 1,049 mu gihembwe A mu gihe byari kuri hegitari ibihumbi 987 mu gihembwe B.

Reference documents (PDF)

- Incamake ya 2024.pdf (pdf, 1.77 MB)
  LAST UPDATED: 17 Feb 2025

Save as PDF